

# Abahungu n'Abakobwa bakina

J. C Ryle (1816-1900)

## Abahungu n'abakobwa bakina

*Kandi inzira zo ku murwa zizaba zuzuye abahungu n'abakobwa, bakinira mu mayira yo muri wo (Zekariya 8:5).*

Bana ncuti zanje, icyanditswe kiri hejuru kuri uru rupapuro kivuga iby'ibantu bizaza, Imana itubwira ikizabaho umunsi umwe mu mayira (imihanda) y' i Yerusalemu.

Yerusalemu, urabizi ko ari ahantu hazwi cyane. Wari umujyi wa mbere w'Abayuda. Wari umujyi Dawidi na Salomo bari batuyemo. Ni umujyi Kristo yapfiriymo ku musaraba kandi akazuka. Abahungu bose n'abakobwa basoma Bibiliya bafite icyo bazi kuri Yerusalemu.

Yerusalemu igihe kimwe wabaye umujyi munini ukungahaye (ukize). Mu isi yose nta mujyi wari umeze nka wo igihe Abayuda bubahaga Imana. Ariko ibyaha by'Abayuda byabazaniye gusenyuka i Yerusalemu. Umujyi urakena, urabora, haba ahantu handuye, kandi hateye agahinda ku muntu wese uhabonye.

Ariko hari umunsi uzaza igihe Yerusalemu izongera kuba ahantu hanini heza cyane.....Kandi amagambo y'iki cyanditswe azasohora “amayira y'umujyi azuzura abahungu n'abakobwa bakina”.

Bana ncuti zanje, hari ibintu bibiri nshaka ko mwiga bivuye muri iki cyanditswe. Mwumve, Imana itubwira ko mu gihe cyo kwera cyane, umunsi ukomeye wa Yerusalemu hazaba hari abahungu n'abakobwa bakina mu mayira. Ibi ni byo itubwira, ntabwo iri kuvuga ko ari bibi. Reka turebe icyo twakuramo hano.

## **1. Imana itekereza ku bahungu n'abakobwa**

Twige iki kintu ko Imana itekereza ku bahungu n'abakobwa kandi yita ku byo bakora. Ntabwo itubwira gusa ku bagabo n'abagore b'i Yerusalem ahubwo ivugamo "abahungu n'abakobwa." Itubwira ko bizaba ari ibihe byiza igithe bazaba ari benshi, kandi bizaba ari ibihe byiza igithe bazaba bakina mu mayira.

Abantu (umukumbi) ntabwo bita ku bana, bavuga ngo ni benshi mu isi. Aba bantu ntabwo bameze nk'Imana. Imana ikomeye iri mu ijuru ikunda abana. Iziko nta bagabo n'abagore bazakomeza kubaho, niba nta bana bariho ubu. Iravuga muri Zaburi 127:5, harirwa uwabyaye benshi.

Abantu badakunda abahungu n'abakobwa, kandi bakagongana na bo, bagomba kwibuka ko na bo bigeze kuba abana.

Hari byinshi bivuga ku bana muri Bibiliya. Soma amateka ya Ishimayeli, Isaka, Benyamini, Mose, Samweli, na Abiya. Soma imigani ya Salomo, kandi urebe ukuntu uwo muntu w'umunyabwenge yavuze ku bana. Soma ibitabo twita iby'ubutumwa bwiza, urebe ukuntu Yesu Kristo yitaga ku bana bato, kandi akabafata mu maboko ye kandi akabaha umugisha (Mariko 10:16). Soma inzandiko z'Intumwa Pawulo kandi urebe ukuntu avuga abana. Ibi bintu byandikiwe kutwigisha.

Bana ncuti zanjye, mwibuke ibi byose kandi ntimubyibagirwe. Ntabwo muri bato cyane cyangwa bato cyane ku Mana kugira ngo yite ku byanyu. Ntabwo uri muto cyane ku buryo utatangira gutekereza ku Mana. Urakuze bihagije ku buryo uzi ko ukosa? Rero menya neza ko ukuze bihagije ku buryo waba mwiza. Urakuze bihagije ku buryo ubasha kuvuga? Rero menya neza ko ukuze bihagije ku buryo wavuga amasengesho yawe. Urakuze bihagije kuburyo umenya amagambo mabi? Rero menya neza ko ukuze bihagije ku buryo wakwiga ibyanditswe byera.

Urakuze bihagije ku buryo ubasha kumenya no gukunda mama wawe? Rero menya neza ko ukuze bihagije ku buryo wamenya kandi ugakunda Yesu, wapfuye kugira ngo akize abanyabyaha bameze nkawe.

Bahungu namwe bakobwa, mwibuke ko iri ari isomo rya mbere rikomeye: Imana ikwitaho (irakuzi). Nawe wumve ko ugomba kwita (kumenya) ku Mana.

## 2. Imana yemera ko abahungu n'abakobwa bakina

Iga ikindi kintu mu cyanditswe cyacu: Imana yemerera abahungu n'abakobwa gukina. Ntabwo iri kutubwira ngo mu mayira y'i Yerusalemu hazuzura abahungu n'abakobwa bicaye gusa kandi batuje kandi ntacyo bakora. Iri kutubwira ko abahungu n'abakobwa bazaba bakina, kandi iri kutwigisha ko gukina atari bibi.

Abantu bamwe bameze nkaho batekereza ko abana batagomba gukina habe na gato. Bakavuga ko imikino yose ari iy'ubunyabyaha, ngo abahungu n'abakobwa bagomba kumera nkaho bari mu mva, badaseka cyangwa ngo bishime cyane. Bakora ikosa rikomeye cyane igihe bavuga ibi. Imana itubwira ko mu bihe byiza bya Yerusalemu abahungu n'abakobwa bazakina mu mayira. Rero gukina birasanzwe bishobora kutaba bibi.

Gukina biryosha imyaka y'abahungu n'abakobwa. Ntabwo buri gihe baba bari kwiga amasomo cyangwa bakora. Ntabwo ibitekerezo byabo bikomeye cyane ngo babigenze gutyo. Ntabwo bameze nk'abantu bakuru. Bagomba kugira igihe buri munsi cyo kuruhuka no gukina.

Gukina bituma abana bakura ubuzima bwiza kandi bakomeye. Ntabwo imibiri yabo yamera neza bakomeza kwicara gusa cyangwa bahagarara kuva mu gitondo kugeza nijoro. Bakeneye gukoresha imbavu zabo bakiri bato niba bazaba abagabo bazima n'abagore igihe bazaba barakuze. Gukina ni imiterere y'abana.

Umuhungu cyangwa umukobwa udakunda gukina ntabwo aba ameze neza.

Gukina byigisha abana kwihangana no kwirinda, kandi bakabasha kwihanganira ibibatungura (ibigeragezo), ntabwo buri gihe batsinda imikino kandi ngo bakomeze inzira yabo. Imikino ituma bakomeza kuba babangutse gukora kandi bagira amatsiko bakanakina kandi bakaba biteguye ikintu icyo ari cyo cyose. Ntabwo batsinda mu mikino y'ubumenyi babaye badakangutse. The great Duke of wellington yavugaga ko yize gutsinda urugamba rwa waterloo (mu 1815) igihe yararimo gukina fields of Eton college.

Gukina bituma bahungu n'abakobwa biga neza iyo basoje. Bagaruka ku masomo batyaye, babangutse, kandi batekereza neza kuruta uko bakomeza bicaye basoma kandi bandika umunsi wose, ubwonko n'ibitekerezo byose bikunda gukina.

Gukina ku buryo bwose kuruta kubaho gusa ntakintu ukora. "Satani buri gihe ashakira icyo gukora ukuboko kudafite icyo gukora." Niba abahungu n'abakobwa badafite imikino myiza bakina nyuna yo kuva ku ishuri, hari ikigero runaka bakora ibibi.

Bana ncuti zanjye, murabona ko ndi incuti no mu gukina kwanyu, kandi ntabwo binteye isoni, kubera ko Imana ibyemera. Imana itwemerera gukora ikintu icyo ari cyo cyose uretse icyaha; no gukina mu rugero atari mu cyaha.

### **3. Ibantu bine gusa (bike) by'inama**

Ndasoza ikibwirizwa cyanje mu bintu bine gusa by'inama ku bahungu n'abakobwa, nizera ko bazatekerezaho kandi ntibabyibagirwe:

1. Mu gukina kwawe kose, ibuka ijisho n'ugutwi kw'Imana, ireba kandi yumva ikintu cyose, Bana ncuti zanjye, ntimukavuge ikintu cyose mutakunda ko Imana yumva, ntimugakore ikintu cyose mutakunda ko Imana ibona.
2. Mu gukina kwawe kose, komeza utekereze neza. ube umugwaneza, wishimye, utikunda, ukora neza, ndetse n'igihe watsinzwe umukino. Bana ncuti zanjye, ntimukishore mu bitagira umumaro, mukomeze mukore neza.
3. Ntukirengagize ibyo ugomba gukora kubera gukina, reka gukina kwawe kugufashe kwiga neza, kandi ube umuhungu n'umukubwa mwiza, haba ku ishuri cyangwa mu rugo, ni ukuri koko "gukora kose udakina bigira umuhungu udatekereza neza" Ariko nizera yuko ibi atari ukubeshya ko gukina kose udakora bikugira ikigoryi, imbura mumaro!
4. Icyanyuma, ntukibagirwe, ndetse n'igihe ukina, ko kwishima kw'ukuri kuva kuri Kristo. niba ushaka kwishima, bahungu namwe bakobwa, mukunde Kristo kandi mu mugire incuti ya mbere, Kristo ni we umurikira umutima ndetse

agatanga n'amahoro y'ibitekerezo. Umwana wishimye ni umwana ukunda Kristo cyane.

*Hari umusozi w'icyatsi iyo kure,  
Udafite inkike,  
Aho Umukunzi n'Umwami wacu yabambiwe,  
Wapfuye ngo adukize twese.*

*Ntabwo tuzi, ntabwo twabasha kuvuga  
Umubabaro yagombaga kwikorera,  
Ariko twizera ko byari ku bwacu,  
Yaramanitswe ababarizwa aho.*

*Yarapfuye kugira ngo tubabarirwe,  
Yarapfuye ngo atugire beza,  
Ngo amaherezo tuzajye mu ijuru,  
twakijijwe n'amaraso ye y'igiciro cyinshi.*

*Ntawundi wari uhari mwiza bihagije  
Ngo yishyure igiciro cy'ibyaha,  
Ni we wabashije kugurura ururembo,  
Rw'ijuru, akatwemerera kwinjira.*

*Oh, ncuti, ncuti yakunze,  
Kandi natwe tugomba kumukunda,  
Kandi tukizera amaraso yaducunguje,  
Kandi tugakora umurimo we.*

Indirimbo y'abana bato, Cecil F.Alexander, 1848.

[www.ChapelLibrary.org](http://www.ChapelLibrary.org)

translated by N.Gloire; ngirisokog@gmail.com  
Phone: +250781460490